**CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA**
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél.** : (250) 789 55 08 48
**E-mail:** eglisecatholiquerwanda@gmail.com

## UBUTUMWA BWO KU MUNSI MUKURU W'URUGO RUTAGATIFU
### Ku cyumweru, tariki 29 Ukuboza 2024
### "URUGO RUBE KOKO IGICUMBI CY'UBUVANDIMWE, AMAHORO NO KURENGERA UBUZIMA"

### Intangiriro

Bakristu bavandimwe,

**1.** Nimugire mwese Noheri Nziza, Umukiza yatuvukiye.

Buri mwaka, umunsi mukuru w'Urugo rutagatifu rw'i Nazareti, utubera umwanya wo kurushaho kuzirikana ku byiza by'umuryango, kuko n'umwana w'Imana yahisemo kuhavukira no kuharererwa. Uko yakuraga "akagenda yunguka ubwenge n'igihagararo, anyuze Imana n'abantu" (Lk 2, 52). Yozefu na Mariya bari bashyize hamwe, amahoro aganje mu rugo, kuko "bari bakundanye, bafashanya ariko cyane cyane ntibashidikanyaga ko Imana yigize umuntu, ikorera igikorwa cyayo mu mateka yabo"[1]. Mu Rugo Rutagatifu rw'i Nazareti, bahuzaga imirimo yabo ya buri munsi n'isengesho, "uko umwaka utashye bakajya i Yeruzalemu mu guhimbaza umunsi mukuru wa Pasika" (Lk 2, 41).

**2.** Kuzirikana rero ku ibanga ry'Urugo rutagatifu rw'i Nazareti, bifasha ingo za gikristu n'abazigize, guha umwanya ukomeye Imana, bayisenga, bayitura ingorane bahura na zo, bayisaba ibyo bifuza kandi bayishimira ubutaretsa ibyiza bayikesha birimo urukundo rwayo rw'igisagirane rugaragazwa n'impano y'ubuzima.

**3.** Gusa mu mateka yacu, ubuvandimwe bwagiye bugira byinshi bibutokoza. Isi ya none na yo, igenda irushaho kuba nyamwigendaho no gutakaza ubumuntu. Ingo zimwe na zimwe ntizikirangwamo ubuvandimwe n'amahoro, kandi n'umuco mubisha wo gutesha agaciro no gusenya ubuzima ugenda uhabwa intebe. Ni muri urwo rwego, uyu mwaka twahisemo insanganyamatsiko igira iti: "URUGO RUBE KOKO IGICUMBI CY'UBUVANDIMWE, AMAHORO NO KURENGERA UBUZIMA".

---

[1] Papa BENEDIGITO XVI, Angelus 13 Ukuboza 2009

## Mwese muri abavandimwe muri Nyagasani (Mt 23, 8)

**4.** Isoko y'ubuvandimwe ikomoka ku gaciro gakomeye Muntu yahanganywe, kuko yavuye mu biganza by'umuryango wa Data, Mwana na Roho Mutagatifu: "Noneho duhange muntu mu ishusho ryacu no mu misusire yacu" (Intg 1, 26). Gusa ubwo bumwe n'ubuvandimwe buranga abantu, bukomoka ku bumwe bw'Ubutatu butagatifu, bwangijwe n'icyaha cy'inkomoko, maze Muntu yishyira ahantu adashobora kwikiza ubwe. Mu rukundo ruhebuje rwa Yezu Kristu, "wemeye kumvira Data akageza aho gupfira ku musaraba" (Fil 4, 8), maze ku munsi wa gatatu akazuka, nibwo abari hafi n'abari kure y'Imana bose "bahurijwe mu muryango umwe, maze aca urwango rwabatandukanyaga" (Ef 2, 14). Amahoro arongera arahinda "babikesha amaraso ya Kristu" (Ef 2, 13).

**5.** Abagize urugo bakunzwe na Data "Umubyeyi umwe uri mu ijuru" (Mt 23,9) kandi barangamiye Yezu Kristu "wahaze amagara ye kubera incuti ze" (Yh 15,13), barushaho kunga ubumwe, gukomera mu buvandimwe no guhorana amahoro.

## Ubuvandimwe n'amahoro mu rugo bisigasirwe n'isengesho

**6.** Iyo abagize urugo bakomeye kandi "bashinze amizero muri Nyagasani" (Iz 26,3), bagahurira ku isengesho rya buri munsi, ariko cyane cyane "bagahimbariza hamwe Ukaristiya ya buri cyumweru"[2], iri funguro ritagatifu rikubiyemo ibanga rya Pasika, ribongerera imbaraga, rikababumbira hamwe kandi rikabamurikira ubuzima bwabo bwose. Nuko Yezu muzima ubatunze akabafasha kugenda basa na We, maze akabera urwo rugo "amahoro yabo" (Ef 2,14) n'isoko idakama y'ubuvandimwe.

## Urugo rube koko ishuri ry'ibanze ry'ubuvandimwe n'amahoro

**7.** Umwitozo w'ibanze w'ubuvandimwe ukorerwa mu rugo, ugomba gushingira mbere na mbere ku rukundo ruzira ugudandukana (Mt 19,6) hagati y'ababyeyi bombi, no hagati y'abagize urugo bose, kuko "ukunda wese aba yarabyawe n'Imana, akanayimenya" (1 Yh 1,7). Mu rugo ni "ahantu ha mbere indangagaciro z'urukundo n'ubuvandimwe, ubumwe no gusangira, guhangayikishwa no kwita ku bandi bitangirira kandi bitangirwa"[3]. Ubumwe b'abashakanye nibwo bumwe bw'urukundo bukomeye bubaho mu bantu kurusha ubundi bwose. Ubu bumwe ni ishusho

---

[2] Reba *Sacramentum Caritatis* n. 73

[3] Reba *Fratelli tutti*, n.114

y'ubumwe bw'Ubutatu butagatifu mu bantu, akaba ari na bwo shingiro ry'ubumwe bw'umuryango.

**8.** Iyo urukundo ruganje mu bagize urugo, buri wese "yitaweho, yihanganirwa, akunzwe n'iyo yaba afite intege nke, ubumuga cyangwa arwaye"[4], nta gushidikanya "Nyagasani na We aba ahari n'ibyishimo bye n'amahoro ye"[5]. Ubuvandimwe nk'ubwo rero bufasha abagize urugo "gukomeza kubana mu rukundo, kubahana, kwihangana, kwitwararika, no kugumana umutima umwe ubahuza mu mahoro"(Ef 4,2-3). Niba hari uwakomerekeje undi, "nta kurangiza umunsi batakanye imbabazi no kuzihana kuko bibungabunga ubuvandimwe n'amahoro mu rugo"[6].

### Ubuvandimwe n'amahoro mu muryango mugari no mu ncuti z'urugo

**9.** Ubuvandimwe n'amahoro mu rugo, kugira ngo birambe, ntibigomba kwikubirwa cyangwa ngo bikumire abo mu muryango mugari n'incuti z'urugo. Ubwo bukungu ni icyiza rusange giharanirwa, cyifuzwa kandi gisangirwa n'abandi, ku buryo "Ibyishimo n'ububabare bya buri wese biba ari ibya bose"[7]. Abagize urugo bagomba, "guhorana ishyaka ryo guhura n'abandi, gushaka aho bahurira, kubaka ibiraro"[8], kuko bibyara amahoro nyayo kandi arambye.

### Urugo rube koko igicumbi cy'ubuzima

**10.** Ubuvandimwe n'amahoro mu rugo byubakwa kandi no kwikuzamo umuco wo kurengera ubuzima bw'abawugize. Ubuzima bw'umuntu ni impano ikomeye kandi itagereranywa y'Imana. Imana ni yo mugenga w'ubuzima, kuko buyikomokaho kandi bukayiganishaho : "Ntarakuremera mu nda ya nyoko nari nkuzi, nakwitoreye utaravuka" (Yer 1,5). Bityo rero nta muntu n'umwe, ku mpamvu iyo ariyo yose, ushobora kuvuga ko afite uburenganzira bwo gusenya ubuzima bw'undi. Icyo cyubahiro cya muntu, uko yavutse kose, kigomba gusigasirwa. Nimureke rero twese twubahe ubuzima, tuburengere, tuburinde icyabutesha agaciro cyose, kuva muntu agisamwa kugeza Imana imwihamagariye.

---

[4] Reba *Amoris Laetitia* n.195
[5] Reba *Amoris Laetitia* n.315
[6] Reba *Amoris Laetitia* n.104
[7] Reba *Fratelli Tutti* n.230
[8] Reba *Fratelli Tutti* n.219

**Urugo rubyare koko abo rwishingiye**

**11.** Mu rwego rwo guteganyiririza abagize urugo ubuzima bwiza n'imibereho myiza, cyane cyane muri iki gihe ubwiyongere bw'abaturage butajyanye n'ubwiyongere bw'ubukungu, turashishikariza ingo kugana gahunda yo guteganya imbyaro ku buryo bwa kamere Kiliziya gatolika mu Rwanda yashyiriyeho abashakanye, ubu hashize imyaka mirongo ine. Abitabira iyi gahunda batanga ubuhamya bw'imbuto byabereye mu kuba ababyeyi nyakuri bishingira kubyara no kurera abo bifuza kwibaruka, mu kubahiriza inshingano z'isakramentu ryo gushyingirwa, mu kubaha no kurengera ubuzima kuva umwana agisamwa. Bibafasha kandi no kwimakaza mu rugo indangagaciro zinyuranye zubaka umuryango.

**12.** Ndangije nsabira umugisha ingo zose. Niziharanire gukuza ubuvandimwe n'amahoro. Nizikomeze zibe ahantu ubuzima bwa buri wese bwisanzurira nta kibuhungabanya. Umubyeyi Bikira Mariya, we wadufunguriye ibihe bishya by'umukiro mu "kureka byose bikamubaho nkuko Malayika yari abivuze" (Lk 1,38), azifashe na zo kudahwema "kwandika ipaji yuzuyemo icyizere, ubuvandimwe, ubwiyunge n'amahoro"[9], ihumuriza umuryango muri iki gihe.

Bikira Mariya Nyina wa Jambo n'Umwamikazi w'amahoro, udusabire.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 11/12/2024**

**✠Antoine Cardinal KAMBANDA**
Arkiyepiskopi wa Kigali, akaba
n'Umuyobozi wa Komisiyo y'umuryango
mu Nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

+A Kambanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
C.E.P.R.
B.P.357 Kigali
Rwanda
COMMISSION

[9] Reba *Fratelli Tutti* n.231